# ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

## ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 13 Kamena 2024, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Hon. MUKAMA Abbas, igirana ikiganiro na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora Hon. GASINZIGWA Oda, ku myiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite ateganyijwe muri Nyakanga 2024 igeze, n'imyitwarire ikwiye kuranga abazayitabira".

Mu kiganiro cye, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagaragarije Imitwe ya Politiki aho imyiteguro igeze hakaba hamaze gukorwa byinshi birimo gushaka ibikoresho, kunoza urutonde rw'abatora, kwakira abakandida b'Imitwe ya Politiki bifuza kwiyamamaza, gushyiraho amabwiriza ya Komisiyo agenga ibikorwa by'amatora no gutegura gahunda y'ibikorwa byo kwiyamamaza.

Yakomeje yerekana ko ku bijyanye no kwiyamamaza, amabwiriza abigenga agaragaza ibikorwa byemewe n'ibibujijwe ndetse n'ahantu hatemerewe kwiyamamariza. Yashoje yerekana ibibujijwe ku munsi w'itora nyirizina, ibyo uhagarariye umukandida asabwa kuba yujuje n'ibyo abujijwe.

Nyuma yo kugezwaho ikiganiro, Abayobozi b'Imitwe ya Politiki, bashimye uburyo Abanyarwanda bahisemo gukoramo amatora, kuko bukemura ibibazo biciye mu biganiro, bigatuma Igihugu gitekana. Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro yiyemeje kutazatatira ayo mahitamo y'Abanyarwanda.

Inama Rusange yemeje gahunda y'Ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka wa 2024-2025 n'ingengo y'imari yabyo; Ihuriro rikazakomeza guteza imbere ibiganiro nyunguranabitekerezo bya Politiki n'ubumwe bw'igihugu, kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya Politiki no guteza imbere umwuga wa politiki.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 13/06/2024.

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKE
N.F.P.O
B.P: 7459 KIGALI

**GISAGARA Théoneste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**